# Ibisobanuro Birebana no Gusabira Porogaramu ku Rubuga

**Saba Porogaramu y’Abayobozi Bashya: Icyiciro cya Afurika y’Iburasirazuba**

---

Porogaramu y’Abayobozi Bashya ya Women Deliver [Verisiyo y’Igiswayile] [Verisiyo y’Igifaransa] [Verisiyo y’Ikinyarwanda] ni porogaramu y'ubuyobozi y'imyaka ibiri ishyigikira urubyiruko rufite ubushake bwo guharanarira impinduka ikabaha ibikoresho, urubuga, imikoranire, n'amahugurwa akenewe kugira ngo bongere kandi bagere ku ntego zabo z'ubuvugizi. Women Deliver, hamwe n’umuhate wayo ukomeye mu bijyanye n'uburinganire bw'umugore n’umugabo ndetse n'uburenganzira n’ubuzima bw'imyororokere (SRHR), ifite amateka akomeye yo kugira uruhare mu by'uburinganire bw’urubyiruko n’ubuyobozi buhuriweho.

Porogaramu y'Abayobozi Bashya ni gahunda ifite intego, umutungo uhagije, ishingiye ku ngingo izafatanya n'Abayobozi Bashya mu rugendo rwo gukora ubuvugizi. Ibi byavuye muri twe:

- Amasomo twavanye mu myaka icumi ishize
- Gutekereza ku ihinduka ryacu bwite nk'umuryango
- Gukora inama nyinshi z'urubyiruko n'abafatanyabikorwa ahari ikibazo

Women Deliver izafasha buri Muyobozi Mushya mu rugendo rwe binyuze mu nkunga y'amafaranga, ubufasha, amahugurwa n'ibikoresho.

**Ni nde Wemerewe kuba muri Porogaramu?**

Abantu bato (bafite imyaka 15-29) b’ igitsina icyo ari cyo cyose cyangwa bafite ibyiyumvo bitandukanye ku birebana n’igitsina :

- Batuye kandi bakorera muBurundi, Etiyopiya, Kenya, u Rwanda, Tanzaniya, na Uganda
- Bakora ubuvugizi ku burenganzira n’ubuzima bw'imyororokere (SRHR) na/cyangwa uburinganire n’ubwuzuzanye bw'umugore n’umugabo, cyane cyane bibanda ku buvugizi buzana impinduka ku bakobwa b’abangavu bo mu miryango yabo. Abazahabwa amahirwe menshi ni abashishikajwe cyangwa b'inararibonye mu nzego twibandaho: ubwishingizi bw’ubuvuzi rusange, kurengera ikirere, no kurwanya ihuriro ry’abarwanya uburenganzira.

[SABA UYU MUNSI KUGIRA NGO UBE UMUYOBOZI MUSHYA]

**Kohereza ubusabe bizarangira ku wa 30 Gicurasi 2024, saa 11:59 z’ijoro (23:59) EAT**

**Imfashanyigisho ku Kohereza usabe:** Mu gihe uri kuzuza ubu busabe, turagusaba cyane gusoma imfashanyigisho ikubiyemo uburyo bwo gusaba MBERE yo gutangira gusaba. Ibi bizagufasha kubona

ibibazo biri mu busabe mbere y'igihe kandi biguhe andi makuru ajyanye n'uburyo bwo gusaba n'ibigenderwaho mu guhitamo. Ushobora gutegura ibisubizo byawe mbere y'igihe utari kuri interineti, kandi ushobora no kubika ubusabe bugezemo kuri interineti hanyuma ukaza kugarukaho nyuma kugira ngo ubusoze maze ubwohereze.

## Ibyo Porogaramu Itanga

Urugendo rwa buri Muyobozi Mushya muri Porogaramu y'Abayobozi Bashya ruzakorwa hakurikijwe intego zabo z'ubuvugizi, kimwe n'intego zabo bwite zo kubaka ubumenyi bwite no gukura nk'abavugizi. Amahirwe ahari ku Bayobozi Bashya muri uru rugendo harimo:

- **Amahugurwa, Ubujyanama, no Kwigira ku Bandi:** Intego y'iyi porogaramu ni uguha Abayobozi Bashya ubuhanga n'ubumenyi by'ingenzi mu gutanga ubuvugizi kugira ngo babashe gukora neza akazi kabo ko gutanga ubuvugizi, iyi Porogaramu y'Abayobozi Bashya itanga uburyo bwo kwiga binyuze mu bufatanye. Hashingiwe ku ngendo zigamije kwiga zishyirwaho n'umuntu ku giti cye, Abayobozi Bashya bazatanga kandi bahabwe amahugurwa, bakorere hamwe kandi bahabwe ibikoresho, bahabwe ubujyanama bukenewe n'Abahoze ari Abayobozi Bakiri Bato bo mu karere kabo cyangwa mu gihugu cyabo, kandi bazabona amahirwe yo gusangira ubumenyi.
- **Inkunga Zitagoye:** Abayobozi bashya bazajya bahabwa inkunga y'amezi 18 itagoye, ishingiye ku kwizerana iri hagati y' y'amadolari ya Amerika $5,000 - $50,000 yo gushyigikira ubuvugizi bwabo no guha imbaraga amashyirahamwe yabo, hamwe n'ubufasha bw'ikoranabuhanga n'ibikoresho byihariye.
- **Inama:** Women Deliver izwi cyane kubera imbaraga zayo zo guhuriza hamwe abantu, kandi ibi bizagera no kuri Porogaramu y'Abayobozi Bashya. Buri muyobozi mushya azitabira **Urugendoshuri rumwe rwo Gufungura** rwatewe inkunga muri byose n'**Urugendoshuri rumwe rwo Gusoza** rwatewe inkunga muri byose , buri wese akaba afite intego yo kubaka umubano hagati y'Abayobozi Bashya no guteza imbere uburezi bushingiye ku ntego zabo zo kwiga. Izi ngendoshuri zizategurwa kandi ziyoborwe n'Abayobozi Bashya.
- **Gushyira hamwe kw'Abafatanyabikorwa:** Porogaramu y'Abayobozi Bashya yongerera Abayobozi Bashya uburyo bwo kugera no gukorana n'amashyirahamwe y'ubuvugizi ku rwego rw'igihugu, rw'akarere, cyangwa rw'isi yose no gutanga ubufasha bw'ubufatanye bugenerwa ab'igitsina gore.
- **Kugira uruhare mu bya politiki no mu bikorwa by'ubuvugizi Buzana Impinduka ku rwego rw'Akarere n'urw'Isi:** Byagaragajwe n'Abayobozi Bashya nk'ibigize gahunda yabo y'ubuvugizi, amahirwe yo kugira uruhare mu bya politiki no mu bikorwa by'ubuvugizi buzana impinduka bituma Abayobozi Bashya bifatanya mu buryo butaziguye n'abafata ibyemezo n'abashyiraho politiki. Aya mahirwe aterwa inkunga mu buryo bwuzuye ashobora kuba akubiyemo kwinjira mu nzego z'ubuyobozi cyangwa urwego ngishwanama, kuvugira mu birori no mu nama bijyanye, cyangwa kwitabira inama n'amahuriro byo gushyigikira izo politiki z'ubuvugizi. Abayobozi Bashya bazubaka umwirondoro wabo nk'inzobere n'abayobozi babifashijwemo na Women Deliver, izakoresha imikoranire yayo kugira ngo ihe abavugizi ubushobozi bwo kugera ku myanya n'ahantu ho gufata ibyemezo. Byongeye kandi, Women Deliver izakoresha imbaraga zayo ku Rwego rw'Isi kugira ishishikarize urubyiruko kugira uruhare mu buryo buringaniye kandi bufite ireme mu nzego zo gufata ibyemezo ku isi no mu karere.

**Kwemererwa:**

- **Aho bizabera:** Women Deliver yishimiye gutangaza ko akarere ka mbere kazaberamo Porogaramu y'Abayobozi Bashya ari Afurika y'Iburasirazuba, by'umwihariko urubyiruko ruba kandi rukorera mu bihugu bikurikira: U Burundi, Ethiopia, Kenya, u Rwanda, Tanzania, na Uganda
    - **Si ngombwa ko uba umuturage w'ibyo bihugu cyangwa ngo ube ukomoka muri ibyo bihugu** – ukeneye gusa kuba muri ibyo bihugu no kubikoreramo ubuvugizi.
    - **Ibyihariye:** Niba **udatuye muri kimwe muri ibyo bihugu** (ariko ibikorwa byawe by'ubuvugizi bikaba bikomeje kwibanda kuri kimwe muri ibyo bihugu) ***kuko nta mutekano ufite wo kuba muri icyo gihugu mu gihe ukora ibikorwa byawe by'ubuvugizi***, wemerewe iyi porogaramu. Niba ari uko bimeze, uzahabwa umwanya wo gusobanura neza ikibazo cyawe mu gihe cyo gusaba.
        - Urugero: Uri umuntu uharanira uburenganzira bwa LGBTQIA+ muri kimwe mu bihugu byemerewe, ariko uba muri Afurika y'Epfo kuko udafite umutekano wo kuba muri icyo gihugu cyemerewe mu gihe ukora aka kazi.
- **Imyaka:** Abasaba iyi porogaramu bagomba kuba bafite hagati: imyaka 15-29 ku ya 1 Ukwakira 2024. Niba uri munsi y'imyaka 18, uzakenera uruhushya n'uburenganzira bw'umubyeyi wawe/ukurera kugira ngo witabire iyi porogaramu.
- **Igitsina:** Iyi porogaramu ifunguye ku bantu b'ingeri zose bafite imiterere y'igitsina icyo ari cyo cyosecyane cyane ku bantu biyita abakobwa, abagore, cyangwa abatiyumvamo igitsina na kimwe.
- **Ubuvugizi:** Bagomba gukora ubuvugizi ku burenganzira n'ubuzima bw'imyororokere (SRHR) na/cyangwa uburinganire bw'umugore n'umugabo, cyane cyane bibanda ku buvugizi buzana impinduka ku bakobwa b'abangavu mu miryango yabo. Abazahabwa amahirwe menshi ni abashishikajwe cyangwa b'inararibonye mu nzego twibandaho: ubwishingizi bw'ubuvuzi rusange, kurengera ikirere, no kurwanya ihuriro ry'abarwanya uburenganzira.
    - **Guhabwa Ubwishingizi kuri Serivisi z'Ubuzima Rusange**: UHC isobanura ko serivisi z'ubuzima zifite ireme zigera kuri buri wese nta mafaranga aciwe. Mu gihe UHC ikubiyemo serivisi nyinshi z'ubuzima, ni ngombwa gushyira imbere ibyo abakobwa n'abagore bakeneye mu by'ubuzima, cyane cyane uburenganzira n'ubuzima bw'imyororokere (SRHR), kugira ngo UHC n'ubuvuzi kuri bose bibe impamo.
    - **Kurengera Ikirere:** Ikibazo cy'imihindagurikire y'ikirere ku isi kigira ingaruka ku bantu batagize uruhare runini muri cyo: abakobwa b'abangavu, abagore n'abantu bafite ibitsina bitandukanye n'uko bagaragara. Bafite amikoro make yo guhangana no gukira ibyago by'imihindagurikire y'ibihe n'ihungabana ry'ikirere, kandi ni bo bafite umutwaro munini wo gushyiraho ingamba zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe mu baturage no mu ngo.
    - **Guhangana n'ihuriro ry'Abarwanya Uburenganzira:** Mu gihe cy'ibinyacumi, ihuriro rigenda rirushaho gukomera kandi rihabwa amafaranga menshi ry'abantu barwanya uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ryahoraga rirwanya kandi rigerageza gusenya ubwigenge bw'umubiri w'abakobwa n'abagore, ndetse n'ubrenganzira bwabo n'ubuzima

bw'imyororokere (SRHR). Nibura miriyari 1 y'amadolari y'Abanyamerika yoherejwe hirya no hino ku isi mu gushyigikira ihuriro ry'abarwanya uburinganire bw'abagore n'abagabo. Uruhare rwabo rugaragarira mu buryo bugaragara muri politiki zitandukanye zibusubiza inyuma ku rwego rw'igihugu. Nanone kandi, mu buryo bw'amayeri, bagiye binjira mu nama mpuzamahanga kugira ngo bahindure imvugo y'uburenganzira bwa muntu kandi bayikoreshe nk'intwaro, kandi batsikamire amajwi ashyigikira SRHR mu miryango yigenga.

- **Ihame rigenga Imyitwarire:** Kugira ngo witabire iyi porogaramu, ugomba gukurikiza kandi ukemera amahame ndangamuco y'umuryango wacu, yashyizwe hano [verisiyo y'Ikinyarwanda]. Byongeye kandi, Abayobozi bose Bashya bazaba bakingiwe kandi bagomba kwemera kubahiriza Politiki ya Women Deliver yo Kurinda Abana n'Urubyiruko [verisiyo y'Ikinyarwanda].
- **Ururimi:** Iyi porogaramu isaba ubumenyi mu rurimi rw'Icyongereza. Women Deliver irimo gukora ibishoboka byose kugira ngo mu bihe biri imbere iyi porogaramu izakoreshwe mu ndimi nyinshi. Niba uri munsi y'imyaka 18 cyangwa ukaba wifuza gusangiza iyi porogaramu abo mu muryango wawe cyangwa mu baturage batavuga Icyongereza, twahinduye inyandiko zikurikira mu Giswahili, Igifaransa, Ikinyarwanda:
    - Urubuga: Abayobozi Bashya Bagamije Impinduka [verisiyo y'Ikinyarwanda]
    - Abayobozi Bashya Bagamije Impinduka Ihame rigenga Imyitwarire [verisiyo y'Ikinyarwanda]
    - Politiki ya Women Deliver yo Kurinda Abana n'Urubyiruko [verisiyo y'Ikinyarwanda].
- **Ihuzanzira ryo kuri Interineti:** Ibikorwa bya porogaramu bizakorwa mbere na mbere kuri interineti, ariko bimwe mu bikorwa, nk'ingendoshuri zo gufungura no gusoza, bizakorwa imbonankubone. Women Deliver yishimira gutanga amafaranga yo gukoresha bajya kuri interineti cyangwa ibikoresho byo gufasha Abayobozi Bashya kugera kuri interineti mu bikorwa bya porogaramu.
- **Kugira Uruhare Rufatika:** Kugira ngo iyi porogaramu igire akamaro kanini, Abayobozi Bashya bagomba kugira abavugizi bafite ishyaka n'umwete bashaka kugira uruhare rufatika mu byo porogaramu itanga, kandi bashishikajwe no gutanga igihe kinini ku mishinga yabo y'ubuvugizi. Niba ushaka ibindi bisobanuro kuri ibi, reba iyi mfashanyigisho irebana no kwitabira.

**Ibibazo birebana no kwemererwa?** Imeyili: ELP-App@womendeliver.org

## Ingengabihe yo Kwinjiza Abantu

- **15 Mata 2024:** Ubusabe kuri **Porogaramu y'Abayobozi Bashya ya 2024: Icyiciro cy'Afurika y'Iburasirazuba** kizafungura saa 12:00 za mu gitondo ku Isaha ya Afurika y'Iburasirazuba (EAT)**.**
- **Mata – Gicurasi 2024:** Women Deliver izakira ibiganiro bibiri byo gutangiramo amakuru kuri Porogaramu y'Abayobozi Bashya. Niba ushishikajwe no kwitabira, ushobora kwiyandikisha hano hasi. Niba udashoboye kwitabira, n'ubundi ushobora kwiyandikisha muri rimwe muri yo, maze ukazohererezwa amajwi yayo kuri konti yawe.
    - **29 Mata** saa **4:00 – 6:00 z'umugoroba** EAT (Iyandikishe hano)
    - **15 Mata** saa **4:00 – 6:00 z'umugoroba** EAT (Iyandikishe hano)

- **30 Gicurasi 2024**: Ubusabe bwo kwinjira mu **Cyiciro cy'Abayobozi Bashya bo muri Afurika y'Iburasirazuba mu mwaka wa 2024** bizarangira saa 11:59 z'ijoro (23:59) EAT.
- **Kamena – Nyakanga 2024:** Ubusabe busuzumwa na komite ishinzwe gutoranya igizwe n'abakozi ba Women Deliver, Abahoze Ari Bayobozi Bakiri Bato, n'imiryango y'abafatanyabikorwa bafite ubumenyi bwimbitse ku karere n'ibibazo birangwamo. Muri ubwo busabe bwose bwatanzwe, abagera kuri 60 bageze muri kimwe cya kabiri cy'irangiza nibo bazatoranywa mu cyiciro gikurikira.
- **Impera za Nyakanga 2024:** Abasaba bose bazamenyeshwa niba batoranyijwe nk'abageze mu cyiciro cya kimwe cya kabiri cy'irangiza cyangwa se niba batatoranyijwe. Niba waratoranyijwe nk'umwe mu bahatanira kujya mu cyiciro cya kimwe cya kabiri cy'irangiza, uzasabwa kwiyandikisha mu kiganiro cy'itsinda, ari na cyo cyiciro cya nyuma cy'inzira yo gusaba.
- **Kanama 2024:** Ibiganiro by'amatsinda bizakorwa n'abazaba bageze muri kimwe cya kabiri cy'irangiza.
- **Impera za Kanama 2024:** Hazakorwa amajonjora ya nyuma, kandi abageze muri kimwe cya kabiri cy'irangiza bose bazamenyeshwa niba baratoranyijwe cyangwa batatoranyijwe.
- **Nzeri 2024:** Kwinjiza Abayobozi Bashya bizatangira, harimo no guhamagarwa bahabwa ikaze. Abayobozi Bashya bazasabwa gutanga amakuru azakoreshwa mu gutangaza itsinda rishya ry'Abayobozi Bashya kandi azashyirwa ku rubuga rwa Women Deliver.
- **1 Ukwakira 2024:** Gutangira ku mugaragaro kwa Porogaramu y'Abayobozi Bashya Baharanira Impinduka.

**Ibyerekeye Porogaramu y'Abayobozi Bashya:**

- **Intego za porogaramu:**
    - **Kwongera ubushobozi, kubaka ikirango/umwirondoro n'ibikoresho by'Abayobozi Bashya** kugira ngo bakore kandi bashyire mu bikorwa imishinga yabo bwite y'ubuvugizi ijyanye na SRHR, by'umwihariko ku bakobwa b'abangavu mu mibereho yabo.
    - **Ubufatanye bukomeye hagati y'amajwi asanzwe yirengagizwa, nk'Abayobozi Bashya n'abafata ibyemezo** bashobora kuzana impinduka kuri politiki na politiki z'imari.
    - **Kongera amahirwe yo guhurira hamwe ku rwego rw'isi yose mu rwego rwo kubaka ibiraro hagati y'abafatanyabikorwa batunguranye** , harimo Abayobozi Bashya n'abashinzwe gufata ibyemezo, no guteza imbere ubufatanye bukomeye hagati yabo.
    - **Urugaga rw'abayobozi Bashya, Abahoze Ari Abayobozi Bakiri Bato n'urubyiruko rukora ubuvugizi** kugira ngo bateze imbere SRHR mu duce batuyemo, mu bihugu byabo no ku isi hose kugira ngo bashyireho abafata ibyemezo.
- **Icyitegererezo cy'Akarere**: Women Deliver izibanda ku karere kamwe, igaha Abayobozi Bashya bo muri ako karere ubufasha bwihariye, bushingiye ku mimerere n'ubumenyi bw'ibanze Mu gihe itsinda ryatangiye gukora, Women Deliver izatangira gushaka abandi bantu bo mu kandi karere, gutyo gutyo. Intego yo kwibanda ku turere icyarimwe, aho gushyira imbaraga mu turere twose icyarimwe, ni ukurema no gushishikariza imyumvire y'ubufatanye, guhuza imbaraga no kubaka ubumwe bw'amatsinda mu Bayobozi Bashya bo muri ako karere.

- **Ubufasha Bwihariye:** Mu rwego rwo gutanga inkunga ikomeye kuri buri Muyobozi Mushya, ingano y'icyiciro kuri buri karere izahinduka kuva ku bantu 30-50 bazaba bafite amahirwe yo gukorana. Ibi bizatuma buri muntu wese abona inkunga akeneye kugira ngo ashyire mu bikorwa ubuvugizi bwe neza.
- **Kongera Kwibanda ku Bakobwa b'Abangavu :** Iyo abakobwa batangiye kuba abangavu aba ari igihe cy'impinduka aho ubwigenge ku mubiri wabo butangira kugabanywa, gushidikanywaho no kugenzurwa. Mu guhangana n'icyo kibazo – n'impamvu zibitera, Abayobozi Bashya bashobora gushaka uko bakemura icyo kibazo.
- **Kurushaho Kureba neza Ahantu Hari ibibazo:** Imirimo y'Abayobozi Bashya, nubwo ahanini yibanda kuri SRHR n'uburinganire bw'umugore n'umugabo, izibanda ku bibazo bikurikira: Kurengera Ibidukikije, Guhangana n'ihuriro ry'Abarwanya Uburenganzira n'Ubwishingizi bw'Ubuzima muri Rusange**).**
- **Ubuzima bwo mu mutwe, Imibereho Myiza, n'Umutekano mu Kigo:** Umurimo w'abavugizi n'abakora ibikorwa byo guharanira impinduka ntugira iherezo, kandi ushobora gusaba byinshi. Women Deliver izashyigikira ubuzima bwo mu mutwe n'ubw'amarangamutima bw'Abayobozi Bashya, imenye neza ko bashyigikiwe muri buri ntambwe y'urugendo rwabo. **Linki ya Politiki y'Umutekano wa Women Deliver.**

---